# INYANDIKO MVUGO Y'INAMA

Umuyobozi w'Urubyiruko, yayoboye inama ihuje abakozi bo m'Ubuyobozi bw'Urubyiruko tariki ya 9/2/1996 saa munani.

Abakozi baje muri iyo nama:

- ILIBAGIZA Grâce
- NSENGAH D.H.
- NKUSI François
- SEBUDANDI Amour
- RURANGWA Sylvain
- MUTABAZI Edison
- HIGIRO Charles
- MUNANA Silas
- BAHIZI Papias
- DUSINGIZE M.Pauline

Babanje kwibukiranya ibyavuzwe mu nama y'ubushize.

- Kureba abagomba gukora mu mishinga, nk'umushinga wa ACDI
- Ihugurwa ry'urubyiruko
- Umushinga wa SIDA n'ibindi

<u>Iyo mishinga igomba gukurikiranwa</u>:

- Gukora raporo
- Action programme
- ACDI
- Formation Civique
- Camp de travail
- Mayibobo
- Structures
- Groupement socio-économique
- Kimisagara
- Kavumu
- Urubyiruko rwo mu mugi no mu cyaro (Jeunes des milieu rural).

Ubwo Umuyobozi w'Urubyiruko yibukije ko raporo igomba gutangwa bitarenze tariki 14/02/1996. Atanga amabwiriza yerekeranye nuko igomba gukorwa.

- <u>Umushinga w'ACDI</u>

  Sebudandi, ukorana nabo. Agomba no gukora ibishoboka akita ku kigo cy'urubyiruko cy'i Gaculiro. Gukemura ibibazo bihari; nkuko abanyeshuri badatanga minerval ariko bakingurira uniformes n'amakarita y'ishuri. Gukorana n'abakozi b'i Gaculiro inama tariki ya 10/2 bakigira hamwe ibitagenda neza mu kigo.

- <u>Ikigo cy'i Kavumu</u>

Hari ibyari byakozwe na Karisa, none kuberako arwaye akaba ari mu bitaro, Sebudandi najya i Butare i Rwabuye tariki ya 12/2 azareba uko icyo kigo kimeze n'icyakorwa. Hari no gukurikirana Devis yagiye muri Finances kujya kubaza kwa DAAF.

- <u>Inzu y'Urubyiruko ya Kimisagara</u> (Nkusi François)

Gutegura Devis ijyanye n'ibiciro muri ibi bihe tugezemo igahabwa Abadage aribo biyemeje gutanga amafaranga bitarenze kuri 14/2/1996.

- <u>Ikigo cy'i Mayange</u>

Nsenga ushinzwe uwo mushinga. World Vision ikagomba gufasha mu bikorwa byabo. Yavuzeko habaye inama. Hagomba indi, bakigira hamwe, hakaba inyandiko, haba kubaharira ikigo cyangwa kugifatanya na Minisiteri. Gahunda bazayifatira hamwe.

<u>Camp de travail</u> :

Hemejwe ko habanza gukorwa imishinga yo mu maperefegitura nibura atatu.

- Projet ONG (Rwanda Development) izakorera muri Byumba hose. Niyo mpamvu hemejwe ko kuwa gatatu le 14/2 bagomba kwiga iyo mishinga.

<u>Mayibobo</u> :

Urebye bari gukora projet ya Mayibobo, iyo dosiye ni ukuzayigarukaho ubutaha kuko S/Prefe yabaye ayihagaritse.

<u>G.S.E.</u>

Abadage biyemeje gutunganya inzu yo ku Gitega. Hagomba gusanwa no gushaka ibintu byo kuzashyiramo.

<u>Jeunes du milieu rural</u>

Urubyiruko rwo mu mugi n'urwo mu cyaro rugomba kwitabwaho. Umuyobozi w'urubyiruko yasabye ko bazafata umunsi wo kuwa gatandatu kuri 17/2/96 bakigira hamwe imishinga kuri 23/2/96.

- Kureba za ONG zikorana n'urubyiruko
- Kugira ubusabane hagati y'urubyiruko
- Gufasha urubyiruko rwo muri Université gushyiraho ishyirahamwe (Association Nationale des Etudiants)
- Ku bigo 12 byari kuba Pilote hazabanza gutangira bitandatu. Urebye akamaro bifite naho biri.
- Gukurikirana ibikorwa byose by'urubyiruko
- Gukurikirana ihugurwa ry'urubyiruko i Nyamata

Inama yarangiye saa 16h50'

Umwanditsi: DUSINGIZE Pauline